National Bank of Rwanda
Banki Nkuru y'u Rwanda

KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

*The Governor*

# ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA YA KOMITE YA POLITIKI Y'IFARANGA MURI BANKI NKURU Y'U RWANDA

## Banki Nkuru y'u Rwanda yazamuye igipimo cy'inyungu fatizo yayo ho iby'ijana 50 igera kuri 7.5%

Komite ya Politiki y'ifaranga yateranye kuri uyu wa 16 Kanama 2023 igamije gushyiraho igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda kizagenderwaho mu mezi atatu ari imbere.

Ubusesenguzi bugaragazako umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko ugenda ugabanuka n'ubwo ibiciro byo bikiri hejuru. Byitezwe ko uwo muvuduko uzakomeza kugabanuka, ukagera munsi ya 8% mu mpera z'uyu mwaka, bijyane n'imbago zifuzwa hagati ya 2% na 8%. Impuzandengo y'izamuka ry'ibiciro izaba hafi ya 5% mu mwaka wa 2024. Ibi bikazaterwa ahanini n'uruhare rw'ingamba za politiki y'ifaranga Banki Nkuru y'u Rwanda yagiye ifata mu bihe bishize, harimo izamurwa ry'igipimo cy'inyungu fatizo yayo, ingamba za Leta mu gukumira izamuka ry'ibiciro, hamwe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga.

Gusa haracyari imbogamizi kuri iri teganyamibare zishingiye ku mihindagurikire y'ikirere ishobora kugira ingaruka ku musaruro w'ubuhinzi n'ibibazo bya politiki bishobora gukomeza kugira ingaruka ku biciro by'ibicuruzwa fatizo ku masoko mpuzamahanga.

Ishingiye ku byavuzwe haruguru, Komite ya Politiki y'Ifaranga yafashe icyemezo cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR ho iby'ijana 50 kikagera kuri 7.5%, kugira ngo umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ugabanuke ugere ku gipimo fatizo cya 5% mu mwaka wa 2024.

## Iteganyamibare ryerekana ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzakomeza kugabanuka mu mezi ari imbere

Guhera mu ntangiro z'umwaka wa 2023, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wakomeje kugabanuka ugera kuri 15.2% mu gihembwe cya kabiri 2023, uvuye hejuru bidasanzwe kuri 20.2% mu gihembwe cya nyuma cy'umwaka wa 2022, bitewe n'igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa byangirika vuba, iby'ibikomoka ku ngufu, ndetse n'iby'ibicuruzwa na serivisi bidakunze guhindagurika cyane. Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ku isoko, hatarimo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu, waragabanutse, byaba iby'ibiribwa bitunganyirizwa mu nganda, iby'ubwikorezi n'iby'amazu.

Umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibikomoka ku ngufu waragabanutse kuko amakara n'inkwi byiyongereye ku isoko n'ibiciro by'ibikomoka kuri peteroli (lisansi na mazutu) bikaba byaragabanyijwe mu gihembwe cya kabiri 2023. Ikindi kandi, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba waragabanutse biturutse ku igabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa bigisarurwa hamwe n'imbuto.

Muri Nyakanga 2023, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wakomeje kugabanuka, ubwo igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro cyiyongereyeho 11.9% gusa, bikaba byitezwe kandi ko kizakomeza kugabanuka kikagera mu mbago ngenderwaho munsi ya 8% mu mpera z'uyu mwaka wa 2023. Iri gabanuka ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ryitezwe ku byiciro byose by'ibicuruzwa haba ku by'ibiribwa byangirika vuba, iby'ibikomoka ku ngufu hamwe n'ibiciro by'ibicuruzwa bibikika.

Nyamara ariko, iri teganyamibare riracyafite imbogamizi. Hari ingorane ku rwego mpuzamahanga nk'izijyanye n'ihagarikwa ry'amasezerano yiswe 'Black Sea Grain Deal" arebana n'ikomorerwa ku cyambu cy'inyanja y'umukara kw'ibinyampeke bikomoka muri Ukraine, icyemezo cyo kugabanya umusaruro w'ibikomoka kuri peteroli cyafashwe n'ibihugu biyicukura bikanayicuruza ku isoko mpuzamahanga, gishobora kugira ingaruka ku biciro ku isoko mpuzamahanga. Ikindi kandi, hari ibibazo bijyanye n'imihindagurikire y'ikirere nk'imyuzure yishe abantu barenga 130 muri Gicurasi 2023, bishobora kugabanura umusaruro w'ubuhinzi n'uw'ibiribwa ku isoko.

**Ubukungu bw'u Rwanda bukomeje kwitwara neza n'ubwo umuvuduko w'izamuka ugenda ugabanuka**

Igikomantanyo cy'ibipimo by'ubukungu biboneka ku buryo bwihuse, cyazamutseho 6.9% mu gihembwe cya kabiri 2023 bitewe n'izanzamuka ry'umusaruro w'ubwubatsi n'izamuka ry'uw'inganda hamwe na serivisi; kivuye kuri 14.8% mu gihembwe cya mbere 2023. Iri gabanuka ry'umuvuduko w'ubukungu ryaturutse ku igabanuka ry'umusaruro w'ubuhinzi bitewe n'ihindagurika ry'ikirere hamwe n'igabanuka ry'umuvuduko w'ubukungu bw'Isi.
**Icyuho mu bucuruzi hagati y'u Rwanda n'amahanga cyariyongereye kubera ibitumizwa mu mahanga bikomeje kwiyongera**.

Mu gihembwe cya kabiri 2023, agaciro k'ibyo u Rwanda rwohereza mu mahanga kimwe n'ibyo rutumizayo kariyongereye buhoro bitewe n'igabanuka ry'ibiciro by'ibicuruzwa fatizo ku isoko mpuzamahanga. Ugereranyije n'igihembwe cya kabiri 2022, umusaruro wavuye ku bicuruzwa u Rwanda rwohereje mu mahanga wiyongereyeho 5.3% mu gihembwe cya kabiri 2023, bitewe n'ubwinshi bw'ibyoherejwe, cyane cyane ibitunganyirizwa mu nganda. Ku rundi ruhande, iby'u Rwanda rwatumije mu mahanga byiyongereyeho 9.9%, bitewe no kwiyongera kw'ibikenerwa mu iterambere ry'ibikorwa by'ubukungu. Bityo, icyuho hagati y'ibyoherejwe n'ibitumizwa mu mahanga cyagutseho 12.7%.

Ni muri urwo rwego, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda kaganutseho 8.76% mu mpera za Kamena 2023 ugeranyije n'Ukuboza 2022. Mu gihe kiringaniye, U Rwanda ruzakomeza kugira ubwizigame buhagije mu madovizi, bwafasha mu gutumiza ibicuruzwa na serivisi byibura mu gihe cy'amezi ane, aturutse ku byoherezwa mu mahanga n'amadovizi yoherezwa n'abanyarwanda batuye mu mahanga.

**Inyungu ku isoko ry'imari y'igihe gito zariyongereye ku bw'ingamba za politiki y'ifaranga ariko inyungu ku nguzanyo ntiyahindutse cyane**

Ugereranyije n'igihembwe cya kabiri 2022, igipimo mpuzandengo cy'inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho cyazamutseho iby'ijana 223 kigera kuri 7.74% mu gihembwe cya kabiri 2023, bitewe n'izamuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR. Byongeye kandi, inyungu ku mpapuro mpeshwamwenda za Leta n'inyungu ku mafaranga abitswa mu mabanki ku bihe bitandukanye zarazamutse. Igipimo cy'inyungu ku nguzanyo nticyahindutse cyane, cyazamutseho iby'ijana 23, kigera kuri 16.54% mu gihembwe cya kabiri 2023, kivuye kuri 16.31% mu gihembwe cya kabiri 2022. Inguzanyo ku bikorera ziyongereyeho 13.2% mu gihembwe cya kabiri 2023 mu gihe zari zazamutseho 16.5% mu gihembwe cya kabiri 2022.

**Umwanzuro wa Komite ya politiki y'ifaranga**

Ishingiye ku izamuka ryitezwe ry'ibiciro ku isoko n'imbogamizi zihari zatuma bizamuka kurushaho, Komite ya Politiki y'ifaranga yafashe icyemezo cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru y'u Rwanda ikagera kuri 7.5%. Komite ya Politiki y'ifaranga yiyemeje gukora ibishoboka ngo izamuka ry'ibiciro rigaruke mu mbago ngenderwaho hagati ya 2 na 8% no gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe. Hatagize impamvu zitunguranye zaza muri aya mezi ari imbere, Komite yaba ihagaritse kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ya Banki Nkuru.

Kigali, Ku wa 17 Kanama, 2023

Digitally signed by BNR(GOVERNOR)

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri wa Banki Nkuru y'u Rwanda**
**akaba n'umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**